REPUBULIKA Y'U RWANDA
URUKIKO RW'IKIRENGA
URUKIKO RWISUMBUYE
RWA RUSIZI
B P 44 RUSIZI.

REPUBLIQUE DU RWANDA

Au nom du Peuple Rwandais

**NYANDIKO IHINNYE YO KUMENYESHA IMIKIRIZE Y'URUBANZA RP/ECON 00004/2019/TGI/RSZ.**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri, umunsi wa 20, ukwezi kwa Ugushyingo;

Twebwe NYIRAMBONIGABA Marie Thérèse, Umwanditsi w'Urukiko Rwisumbuye rwa RUSIZI,

Tumaze kubona urubanza **RP/ECON 00004/2019/TGI/RSZ,** ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa RUSIZI buregamo abitwa : **MUSABYIMANA Valens na SIBOMANA Mubalaka Emmanuel,** icyaha cyo gukwirakwiza amafaranga y'amakorano, giteganywa n'ingingo ya 269 y'itegeko N° 68/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, rukaba rwaraciwe n'uru Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi kuwa 12/11/2020;

Dushingiye ku ngingo ya 165 y'itegeko n° 27/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Duteguye iyi nyandiko ihinnye, y'urubanza **RP/ECON 00004/2019/TGI/RSZ,** kugirango Sibomana Mubalaka Emmanuel mwene Sakindi Michel na Mukamuyenzi Marie, wavutse 1990, mu Mudugudu wa Rurembo, Akagali ka Gasovu, Umurenge wa Karambi, Akarere ka Nyamasheke, Intara y'iburengerazuba, muri Repubulika y' u Rwanda, Intara y'Iburengerazuba, wakurikiranywe nk'uwatorotse ubutabera, azamenyeshwe imikirize yarwo iteye itya :

URUKIKO rushingiye ku ngingo ya 269 y'itegeko N° 68/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange,

"RWEMEJE kwakira ikirego cy'ubushinjacyaha kuko cyaje mu nzira ziteganywa n'amategeko".

"RWEMEJE ko Musabyimana Valens na Sibomana Mubalaka Emmanuel bahamwa n'icyaha cyo gukwirakwiza amafaranga y'amahimbano".

"RUHANISHIJE Musabyimana Valens na Sibomana Mubalaka Emmanuel buri wese igifungo cy'imyaka itandatu ( 6 ans )".

"RUTEGETSE ko inoti z'inyiganano zafatiriwe muri uru rubanza zitwikwa".

"RUTEGETSE ko kubirebana na Sibomana Mubalaka Emmanuel ko ingingo z'ingenzi z'uru rubanza zitangazwa ku rubuga rwa interineti rw'Urwego rw'ubucamanza, urw'Ubushinjacyaha Bukuru n'urw'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha, zikanamanikwa no ku rukiko rwisumbuye rwa Rusizi".

"RUTEGETSE ko amagarama y'uru rubanza angana n'ibihumbi makumyabiri ( 20 000 Frws), atangwa na Musabyimana Valens na Sibomana Mubalaka Emmanuel, bakayatanga mu gihe cy'iminsi umunani urubanza rubaye ndakuka batayatanga akavanwa mu byabo ku ngufu za Leta".

UMENYESHEJWE : **SIBOMANA Mubalaka Emmanuel**

UMUMENYESHEJE+ITARIKI +UMUKONO+KASHI

................................................................

NYIRAMBONIGABA M. Thérèse
**UMWANDITSI W'URUKIKO**
**UTEGUYE IYI NYANDIKO**

URUKIKO RWISUMBUYE RWA RUSIZI